**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**MINISITERI Y'UBUTABERA**
**P.O. BOX 160 KIGALI**

**IJAMBO RYA NYAKUBAHWA MINISITIRI W'UBUTABERA/INTUMWA NKURU YA LETA MU MUHANGO WO KURAHIZA ABAHESHA B'INKIKO B'UMWUGA, ABATARI AB'UMWUGA NA NOTERI KU WA 28/12/2017**

Bwana Munyamabanga Nshingwabikorwa w'Urugaga rw'Abahesha b'Inkiko b'Umwuga,

Bahesha b'Inkiko na ba Noteri mumaze kurahira,

Mbanje kubasuhuza nabaha ikaze muri Minisiteri y'Ubutabera no mu mirimo mishya mumaze kurahirira;

Murahiriye gukorera abaturage imirimo ikomeye aho mutanga umusanzu wanyu mu gusigasira intego yo gukomeza kubaka Igihugu cyacu nk'Igihugu kigendera ku mategeko;

Ibikorwa byo gushyira mu bikorwa ibyemezo by'Inkiko cyangwa izindi nyandiko mpesha iyo bikozwe neza kandi ku gihe, bituma Ubutabera butangwa mu buryo bwuzuye, kuko uwatsinze urubanza abona ibyo yatsindiye, uwatsinzwe nawe akumva ko agomba kwishyura ibyategetswe, bityo amategeko akubahirizwa kuri bose;

Muri kamere yacu ya muntu, hari bamwe bitorohera kwikuraho umutungo ku neza ngo bawuhe uwawutsindiye, ari nayo mpamvu hashyizweho Abahesha b'Inkiko, kugira ngo abafite bene iyo kamere bafashwe kuzibukira bishyure ibyo amategeko yabategetse;

Mu rwego rwo gutanga ubutabera bwuzuye, Guverinoma y'u Rwanda yashyizeho Inzego z'Abahesha b'Inkiko, baba ab'Umwuga n'abatari ab'Umwuga hagamijwe korohereza abaturage guhabwa Ubutabera, kuva urubanza ruburanywe kugeza rurangijwe;

Kugeza ubu Abahesha b'Inkiko b'Umwuga bamaze kurahira bagera kuri **403.** Hiyongereyeho mwe mumaze kurahira umubare ukagera kuri **529.** Kuri uyu mubare hiyongeraho Abahesha b'Inkiko batari ab'umwuga bangana na **2.627** (Abanyamabanga Nshingwabikorwa **30** b'Uturere, **416** b'Imirenge, **2,147** b'Utugari na **03** bo muri Minisiteri y'Ubutabera, **01** wo ku Rwego rw'Umuvunyi ndetse na **30** bo muri MAJ). Bivuze ko guhera uyu munsi, mu Rwanda tumaze kugira Abahesha b'Inkiko bagera ku **3.156** hatabariwemo abo mu ma Gereza n'ababihabwa n'amategeko agenga Ibigo bakoreramo nabo bashinzwe uyu murimo ukomeye wo gushyira mu bikorwa ibyemezo by'Inkiko n'izindi nyandiko mpesha.

Duhereye kuri iyi mibare, nta muturage wakagombye kubura umurangiriza urubanza dukurikije umubare w'Abahesha b'Inkiko ubu dufite, kandi bakorera mu Turere twose tw'Igihugu;

Hari bamwe mu baturage bafite umuco wo kudashyira mu bikorwa imanza batsinzwe cyangwa bakananiza mu bundi buryo irangizwa ryazo, umuco nk'uyu ugomba gucika twese hamwe nka Leta, abikorera, imiryango itari iya Leta, tubigizemo uruhare. Dukwiye kandi kumenya uburyo dukoresha kugira ngo tugamburuze uwinangiye ariko kandi adahutajwe;

Igitabo cy'amategeko ahana mu Rwanda cyateganyije ibihano ku bigomeka ku byemezo by'Inkiko, ndasaba ubufatanye bwanyu mwese mu kumenyesha abitwara gutyo ko batari hejuru y'amategeko;

Byagaragaye ko hari bimwe mu bibazo byakunze kuboneka mu mikorere y'abababanjirije ndetse bikaviramo bamwe kwirukanwa burundu muri uyu mwuga birimo kutubahiriza inzira ziteganywa n'amategeko mu irangiza ry'urubanza, kudatanga imisanzu isabwa kandi iteganyijwe n'amategeko, kurigisa amafaranga asaguka ku yishyuwe, kutishyuza amafaranga ya Leta, gushyira amafaranga ya cyamunana kuri konti zabo bwite, kwimana inyandikomvugo y'irangizarubanza, gutesha imitungo y'abantu agaciro bigambiriwe n'ibindi.

Mbasabye kubanza mukamenya ibi bibazo n'ingaruka bigira ku babyishoramo bityo mugatangira mufite impamba y'imyitwarire ihagije.

Muri uyu mwuga w'Ubuhesha bw'Inkiko murasabwa ubunyangamugayo buri ku rwego rwo hejuru. Minisiteri y'Ubutabera irifuza ko Urugaga rw'Abahesha b'Inkiko b'Umwuga rwaba Urugaga rw'ababigize umwuga;

Ibi birasaba ko mugira imikoranire myiza n'abaturage cyane cyane abishyuza n'abishyuzwa, irangwa no gusobanurira umuturage icyo mukora, impamvu mugikora, n'ubutumwa gisigira rubanda;

Mu rwego rwo kubahiriza ibiteganywa n'amategeko agenga umwuga w'abahesha b'Inkiko, buri wese arasabwa kugira aho akorera hazwi n'abaturage kugira ngo ababagana bashobore kubabona ku buryo bworoshye. Byagaragaye ko bamwe mu Bahesha b'Inkiko b'Umwuga badafite aho babarizwa bituma ababakeneye batababona, bahamagarwa no kuri telefone yabo ntibitabe ugasanga Umuhesha w'Inkiko afite Simcards eshatu, enye, aho kuzikoresha kugira ngo aboneke cyane ahubwo akazikoresha kugira ngo ataboneka;

Muributswa kandi gutanga imisanzu musabwa n'amategeko ngengamikorere y'Urugaga. Gutangira gukora mutujuje iyi nshingano ni ikosa ry'umwuga rikomeye ndetse rihanishwa gusezererwa mu rugaga ;

By'umwihariko, abahesha b'Inkiko batari ab'Umwuga mugomba kumenya ko inshingano yo kurangiza imanza ari inshingano ikwiye kuza imbere

y’izindi. Ntiwavuga imiyoborere myiza, utahesheje umuturage ibyo yatsindiye ku gihe no mu buryo bunoze;

Ndabibutsa kandi ko mudakwiye kwakira igihembo icyo aricyo cyose giturutse k’uwo murangirije urubanza kuko muri Abakozi ba Leta muhemberwa imirimo mukora. Igihembo cyangwa irindi shimwe muzakira mu gihe murangiza urubanza bizitwa ruswa kandi amategeko ayihana arahari;

Abahesha b’Inkiko mwese ndabasaba ko ubu butumwa bubabera inkingi y'ibyo muzakora byose ku mpande zombi yaba abo muzarangiriza urubanza n'abatsinzwe muzarurangirizaho, ndabagira inama yo kuzabishyira mu bikorwa, aho mudasobanukiwe mukagisha inama abo musanze muri uyu mwuga cyanga Ubuyobozi bw’Urugaga rubahagarariye;

Kuri ba Noteri mumaze kurahira, namwe mufite inshingano zikomeye zo guha serivise abantu batandukanye baza babagana basaba serivise zitangwa na Noteri hashingiwe ku bubasha muhabwa n’amategeko. Ndabasaba gukorana ubunyangamugayo n’ubushishozi iyo mirimo kuko iramutse idakozwe neza byagira ingaruka zikomeye;

Ndabasaba kimwe n’abandi bari muri uwo murimo, ko mu mikorere yanyu mugira gahunda mugenderaho, akazi ka Notariya ntikabe akazi k’inyongera ku zindi nshingano mufite, aho usanga umuntu ushaka serivisi ya notariya agera ku biro agasanga uyimuha yagiye mu kandi kazi atanasize itangazo rigaragaza igihe abonekeraho bigatuma muvugwaho gutanga serivise mbi;

Bwana Munyamabanga Nshingwabikorwa w’Urugaga rw’Abahesha b’Inkiko,

Bahesha b’Inkiko b’Umwuga n’Abatari ab’Umwuga, ba Noteri n’abandi mwese mwitabiriye uyu muhango,

Mu gusoza nongeye gusaba mwese mumaze kurahira, Abahesha b’Inkiko b’Umwuga, Abatari ab’Umwuga na ba Noteri, kurangwa n'ubunyangamugayo. Mwirinde ruswa n’ibisa na yo, amarangamutima

n'indi myitwarire yose ihabanye n’indangagaciro na kirazira by’umuco nyarwanda;

Ndahamya ntashidikanya ko ibyo musabwa byose muzabigeraho bitabagoye, nimukurikiza amategeko ndetse mukanagisha inama inzego muzakorana nazo;

Minisiteri y'Ubutabera izakomeza kubafasha mu byo muzakenera byose kugira ngo mubashe kuzuza inshingano zanyu;

Mboneyeho kubifuriza kuzagira Umwaka mushya muhire wa 2018 tuzatangira mu cyumweru gitaha, uzababere mwebwe n’imiryango yanyu uw’amahirwe, muzawugiremo ubuzima bwiza n’imigisha myinshi.

Murakoze mugire ibihe byiza.

---